UBUTUMWA BW'ABEPISIKOPI GATOLIKA MU RWANDA BWO

KUYA 1 GICURASI 2011

Umunsi w'ishyirwa mu rwego rw'abahire wa Papa Yohani Paulo wa II

"Intumwa y'impuhwe z'Imana n'inshuti y'u Rwanda".

Bakristu bavandimwe,

Nka Kiliziya Gatolika mu Rwanda, ndetse no ku bandi banyarwanda twese twamenye Papa Yohani Paulo wa II, dufite amahirwe uyu munsi yo kwifatanya na Kiliziya yose yizihiza ishyirwa mu Bahire rya Nyirubutungane Papa Yohani Paulo wa II.

Ikigaragara nuko irishyirwa mu Bahire rya Papa Yohani Paulo wa II ridatinze; ni nyuma y'imyaka itandatu gusa amaze yitabye Imana. Ubwo bamushyinguraga i Roma humvikanye ijwi riranguruye mu mbaga y'abantu benshi bari bahari ngo: **"Santo Subito"**, aribyo kuvuga ngo **"ashyirwe mu Batagatifu vuba".**

Tubanze dusobanure icyo ishyirwa mu rwego rw'Abahire bivuga.

Iyo umukristu yitabye Imana, abakristu bamuzi n'ubuyobozi bwa Kiliziya, bose bamuvugaho imyitwarire ntangarugero mu bukristu, babimenyesha ibiro bya Papa bishinzwe kurobanura abajya mu rwego rw'Abatagatifu. Ibyo rero bisaba ubuhamya bwinshi mu ngeri nyinshi z'abantu. Muri ibyo bisabwa harimo no kuba yarakoze nibura ibitangaza bibiri byasuzumwe n'inzego za Kiliziya harimo no kwifashisha ikoranabuhanga ribihamya. Cyeretse iyo bigaragaye ko uwo muntu yabaye umumaritiri, aribyo kuvuga gupfa ahowe Izina ry'Imana. Icyo gihe rero abanza gushyirwa mu rwego rw'abagaragu w'Imana"(Serviteurs de Dieu), iyo birangiye ashyirwa mu rwego rw'Abahire (les bienheureux) ategereje kuzashyirwa mu rwego rw'Abatagatifu ntangarugero nabwo hakozwe irindi perereza rirambuye kurusha irya mbere.

Kuri Papa Yohani Paulo wa II rero ntibyatinze. Yari umuntu uzwi, ushimwa na benshi kandi ukunzwe. Mu mibereho ye yagaragaje ubushishozi, ubwitange, ubutungane ndetse n'ubuhanuzi. Byose yakabikoranaga ubukristu koko ntangarugero byaranze imibereho ye, uko agenda azamuka mu nzego za Kiliziya akaba ari nako bigenda bimuranga kurushaho. Ibitangaza bibiri rero yarabikoze, biratohozwa biremerwa. Muri byo harimo n'uwo yakijije indwara imeze nk'iyamwishe we ubwe. Kwitwa umugaragu w'Imana ntibyatinze kwemerwa. None ubu agiye mu rwego rw'abahire.

Inzira igana ubutungane Papa Yohani Paulo wa II yagenze

Hariho uburyo butatu bwo kugera ku rwego rw'Abatagatifu:

Hariho ababigeraho bisa n'ibitunguranye nk'uwo babwiye gukora ibikorwa binyuranyije n'ukwemera kwe akanga, bakamwica. Uwo aba abaye intwari ni we twita umumaritiri; uwapfiriye Kristu na Kiliziya ye.

Hariho n'umuntu ugira atya mu gihe gito akagira nk'igikorwa cy'umugenzo mbonezamana umuranze, nk'umugenzo w'urukundo cyangwa se w'ukwemera, ku buryo budasanzwe, butunguranye bigashimwa na Kiliziya yose, ikamusabira gushyirwa mu rwego rw'Abatagatifu, aribyo kuvuga umukristu wabereye abandi intangarugero.

Hariho rero n'abandi bakristu ubutungane bwabo bwera ku inzira ndende yaranze amateka yabo, uko bavutse, uko bakuze, imirimo bakoze, ingorane bagiye bacamo, nuko babyifashemo barangwa n'ubukristu nogeramana, bikanyura babandi bose twavuze bashinzwe kubisuzuma.

Bene iyi nzira rero ni ndende kandi burya iba ikomeye kuko isaba ubwigengesere n'urukundo ruhamye rugenda rufasha umuntu mu kudatatira ukuri yemeye abatizwa. Ariko nanone akabigezwaho no kumenya gukorana na Roho wa Kristu yahawe abatizwa cyangwa yamenye kugenda arushaho kuyirekurira mu buzima bwe bwa buri munsi. Papa Yohani Pawulo wa II ari muri uru rwego. Afite uko yabayeho n'amatwara yagiye amuranga. Ku buryo twamumenye ari Papa, ariko afite amateka yaranze imibereho ye yabanjirije ugutarwaho kuba Papa i Roma. Muby'ukuri yatowe amaze gukora urugendo rurerure rw'ubukristu rwamugejeje kuri ubu butore.

Amavuko ye:

Karoli Wojtyla , uzaba Papa Yohani Paulo wa II, ni mwene Karoli Wojtyla na Emiliya Kaczorowska. Yavutse ku ya 18 Gicurasi 1920, avukira i Wadowice ho muri Polonye, hafi ya Cracovie. Se yababyaye ari abahungu babiri, nyina aza kwitaba Imana Karoli Wojtyla afite imyaka 9, umuvandimwe we Edimondi wari umuganga aza gupfa Karoli Wojtyla afite imyaka 12. Se umubyara, wari umusirikare, nawe aza kwitaba Imana Karoli Wojtyla afite imyaka 21, ubwo byari bigeze mu 1941. Turi mu ntambara ya kabiri y'isi icyo gihe yafashe isura yihariye kubera abitwa Abanazi baje kuhasimburwa n'abakomunisiti.

Ku bantu bamenye Karoli Wojtyla bya hafi, batangarira ubuntu n'urugwiro yagiraga kandi yarabayeho bupfubyi. Noneho ugakubitiraho nuko yabayeho mu gihe cy'intambara . Nyuma akaza kubaho mu butegitsi bwa gikomunisiti bwarwanyaga Kiliziya Gatolika. Ariko Karoli Wojtyla yagiye aca muri ayo mage yose, akavamo ari umuntu wizerwa kandi ushingwa imirimo isaba kuba ufite imiterere iboneye n'imyumvire myiza ya kimuntu na gikristu. Ni muri ibyo bihe bikomeye by'amateka ye Karoli Wojtyla yumvise umuhamagaro wo kuba Padiri, yari afite imyaka 22 y'amavuko, abanza kwiga Seminari rwihishwa kuko Polonye yari

yarafashwe bunyago n'abanzi, hanyuma n'Abakomunisiti batotezaga Kliziya. Intambara irangiye akomeza kujya kwiga Tewolojiya mu Ishami ryayo muri Université ya Jagellon, ahabwa ubupadiri ku itariki ya 1 Ugushyingo 1946. Yakoze byinshi mu buzima bwe kandi mu gihe gito mbere yo kuba Umwepiskopi wungirije wa Cracovie. Yatorewe uwo murimo na Papa Pio wa XII ku ya 4 Nyakanga 1958. Icyo gihe yari afite imyaka 38. Kuri 13 Mutarama 1964 agirwa Arkiepiskopi wa Cracovie. Hanyuma ku ya 26 Kamena 1967 Papa Paulo wa VI amushyira mu rwego rw'Abakaridinali. Aha nibutse ko yari mu nama Nkuru ya Kiliziya yabereye i Vatikani bwa kabiri (1962-1965), akaba yaranagize uruhare rugaragara mu nyandiko ikomeye ya Vatikani ya II yitwa **" Gaudium et spes"** ivuga kuri Kiliziya muri ibi bihe tugezemo. Yaje gutorerwa kuba Papa ku ya 16 Ukwakira 1978, ubwo yari afite imyaka 58 y'amavuko. Tukaba twaramugizeho umupapa wageze ku myaka 27 y'ubupapa. Nabyo ntibisanzwe mu mateka ya Kiliziya.

Amatwara ya Karoli Wojtyla

Karoli Wojtyla, uzaba Papa Yohani Paulo wa II, ni impano ikomeye Imana yahaye isi na Kiliziya. Kumwiga nk'umuntu umusangana imbaraga n'amatwara utakwitirira umuntu gusa. Yari afite ahantu yavomaga izo imbaraga zo kubaho no gukora; ni mu kwemera kwe, n'uburyo yabihuzaga nuko yumvaga kamere muntu imurikiwe na Kristu umucunguzi wa muntu yifashishije buri gihe. Yagiye ahura n'ibizazane byinshi mu buzima bwe. Ibyo ahuriyeho n'abandi nk'uwamenye intambara ya kabiri y'isi n'amateka mabi yasize kuri Polonye igihugu cye. Ariko noneho afite n'amateka ye bwite, nko kuba imfubyi akiri muto, akabivanamo imbaraga zo kuba umusaserdoti wizerwa, kandi urangwa n'ukwemera gushyitse, kuba Umwepiskopi wa Cracovie mu gihugu cyari gitsikamiwe n'Ubukominisiti, ariko ntahushe, mu miyoborere ye, ntanagamburuzwe n'ibigeragezo yahuraga nabyo.

Ibanga rye bwite kwari ukwemera, no gukunda igitunganye kandi akizihirwa no kubitoza abandi. Ibizwi neza ni igihe arashwe mu 1981, ubwo yari Papa. Inyuma y'iryo raswa rye hari ibinyabubasha by'isi bitari byishimiye amatwara afite yo guhindura byinshi ku butaka bw'Uburayi. Ariko aho agandukiye mu burwayi, yegukanye imbaraga n'ubushishozi akesha ukwemera Imana n'urukundo rw'ikiri ukuri yari yifitemo rutagamburuzwa, akomeza gahunda ye yo kwerekeza igihugu cye cya Polonye mu nzira y'iterambere nyaryo, anacogoza ubukana bw'ubukomunisiti bwari bwarazonze igice kinini cy'Uburayi. Iyo ni imbuto yeze ku isasu ry'umusore Aghica wakoreshwaga n'ikinyabubasha nawe atari azi integano zabyo. Papa Yohani Paulo II yari umuntu ufite umutima mugari n'ubwenge bufutukiwe n'ikiri ukuri. Yari azi kwumva Imana mu mibereho ye, akamenya kwumva n'abantu kandi akamenya vuba icyo bakeneye kurusha ibindi.

Ubutumwa Papa Yohani Paulo wa II yasigiye yasigiye Kiliziya n'isi

Ubutumwa bwa Papa Yohani Paulo wa II yasigiye Kiliziya mu myaka 27 yayiyoboye ari Papa, kandi neza ni bwinshi. Ariko ndafata icyo nakwita umutima shingiro w'ubutumwa bwe.

Papa Yohani Paulo wa II, we ubwe ni ubutumwa bw'Imana kuri Kiliziya no ku isi yamumenye. Igihagararo cye, ingendo ze, ijwi rye, uburyo bwe bwo kwegereza abantu icyo ashaka kuvuga ni ubutumwa ubwabyo. Yari umukristu wifitemo ukwemera gushyitse, akaba umwigisha w'Ivanjili usobanutse kuko yumvaga Ijambo ry'Imana, rikamutunga nawe akaritungisha abandi. Ibyo byamuhaga ubwisanzure buhagije kuko yavugaga ibyo abaho kandi akunda, dore ko yari yifitemo imbaraga zo gukunda ikiri ukuri no kugikomeraho. Ariko uwashaka kumva neza inyigisho za Papa Yohani Paulo wa II yagendera kuri "Encyclique", ibarwa ya mbere yanditse akimara kuba Papa yitwa **"Umucunguzi wa muntu"(** Redemptor hominis)" yanditse ku wa 4 Werurwe 1979, atararangiza umwaka atorewe kuba Papa. Iyi baruwa yari akuzuye umutima we kasesekaye ku munwa, ikaba kandi na gahunda inoze yiyemeje kuzakurikiza mu myaka iri imberi mu buyobozi bwe bwa Kiliziya.

Imiterere y'iyi baruwa nubwo ishinze imizi yayo mu ruhererekane rw'inyigisho za Kiliziya n'iz'abapapa bamubanjirije, ariko Papa Yohani Paulo wa II ayiha imvugo ye bwite, ituma yumvikana neza nk'amatwara yamucengeye umutima mu myemerere ye nk'umuyobozi mwiza wa Kiliziya. Ashingira kuri Kristu Yezu nk'umucunguzi wa muntu. Hanyuma akagera ku muntu, Imana, ku bw'impuhwe zayo nyinshi, yarahiriye kuzakiza, ibinyujije muri Yezu Kristu. Ibanga rya Kristu nk'Umwana w'Imana ryaduhishuriye Imana icyo ari cyo, nk'umubyeyi ugira impuhwe. Riduhishurira kandi mwene muntu icyo aricyo, n'isoko y'agaciro n'icyubahiro akwiye nk'uwo Imana na Kiliziya byitaho. Kuba Papa Yohani Pawulo wa II yari yaracengewe n'ibanga rya Kristu Yezu Umucunguzi wa muntu, niko yanabyegeranyaga n'ibanga rya Mariya, Umubyeyi w'Umucunguzi wa muntu, Umubyeyi wa Kiliziya(yanditse ibarwa yise "Mater redemptoris" aribyo kuvuga "Nyina w'Umucunguzi wa Muntu"). Papa Yohani Paulo wa II, yari umuyoboke udasobwa wa Bikira Mariya, ubona yari yaramubereye nk'Umubyeyi mu mwanya wa nyina Emiliya yabuze akiri muto.

Indi ngingo ikomeye ntabura kuvuga mu bukungahare bw'inyigisho n'ukwemera kwa Papa Yohani Pawulo wa II ni impuhwe z'Imana mu myigishirize ye. Dore uko azivuga**:"Ndifuza ko ibyo mvuga ku mpuhwe z'Imana byagera ku bantu bose. Kandi Kiliziya ikumva ko umuhamagaro wayo ari ukumenyekanisha impuhwe z'Imana. Umuntu w'ubu n'isi y'ubu barazikeneye. Barazikeneye nubwo kenshi baba batabizi"**(D. in M. n°2§8).Yazigarutseho kenshi ndetse Encyclique ya kabiri yanditse nyuma y'imyaka itatu abaye Papa ni **"Impuhwe nyinshi z'Imana"**(Dives in misercordia) yo kuri 30 Ukwakira 1980. Impuhwe z'Imana na none ni inyigisho yavomaga mu Bibiliya ntagatifu izigarukaho kenshi, no mu ruhererekane rw'inyigisho za Kiliziya. Ariko ni n'ibanga ryari rimutuyemo nk'impano bwite. Imyumvire ye ya Kristu Umucunguzi wa muntu yagushaga iteka ku mpuhwe z'Imana. Uko Imana ari urukundo uko Papa Benedigito abitubwira, Imana ni Nyirimpuhwe nyinshi, uko Papa Yohani Pawulo wa II yabivuze kenshi kandi akabaho koko nk'umuyoboke w'umwigisha cyangwa se intumwa y'impuhwe z'Imana mu bantu.

<u>Umuhire Papa Yohani Paulo wa II n'u Rwanda</u>.

Niba iri bango ndigize umusozo si uko ari rito mu buzima bwa Papa Yohani Pawulo wa II. Ahubwo umubano wihariye yagiranye n'u Rwanda byamubereye aho yisanzurira mu kugaragaza ubushumba n'ububyeyi avoma muri Yezu Nyirimpuhwe z'Imana mu bantu.

U Rwanda Papa Yohani Pawulo wa II yamenye mu buyobozi bwe bwa Kiliziya n'uko yatubaye hafi mu bihe bikomeye, biduha uburenganzira bwo kumwita " **Intumwa y'impuhwe z'Imana n'inshuti y'u Rwanda"**. Papa Yohani Paulo wa II yasuye u Rwanda kuva tariki ya 7 kugera ku ya 9 Nzeri 1990. Mukuza gusura u Rwanda ubwabyo ni amateka akomeye. Ni ubwa mbere umupapa asura u Rwanda. Ariko yadusuye turi mu ngorane nyinshi. Yari azizi barazimubwiye biciye mu nzego za "diplomatie" nyine. Ariko aho ibintu bikomereye kuva ku 7 mata 1994, byaje kugaragara ko yitaruye inzego za "diplomatie" mpuzamahanga, akishakira kumenya u Rwanda bya hafi n'akaga rwarimo. Akarusabira ari nako atanga inyigisho zidukangurira guhosha genoside yakorerwaga abatutsi, anatabaza amahanga ngo afata inshingano zayo ku byaberaga mu Rwanda.

Ni Papa Yohani Pawulo wa II wavuze ubwambere ko mu Rwanda habera jenoside. Mu butumwa mbwirwaruhame yasohoye ku ya 27 Mata 1994 yagize ati**: "Ndasaba abantu bose bafite inshingano z'ubuyobozi ko bakora ibishoboka byose ngo iriya jenoside ibera mu Rwanda ihagarare"** (O.R. n°18,2313 - 3 Mai 1994, p. 1). Icyo gihe abandi bari bakijijinganya mu nzego mpuzamahanga, we yari yabonye ko jenoside ikorwa mu Rwanda. Kuba ari we wambere wabivuze, byabaye inkunga ikomeye yateye u Rwanda. Guhera ubwo, nubwo jenoside yakorerwaga abatutsi yakomezaga, ariko amahanga yatangiye kumva ukundi ibyaberaga mu Rwanda, no guhindura imyitwarire. Inama mpuzamahanga yabereye i Geneve ho mu Busuwisi kuri 24 Gicurasi 1994, intumwa ye Musenyeri P. TABET yaje ku isonga ry'abameje ko ibibera mu Rwanda ari jenoside(Reba O.R. n°22,2317 du 31mai 1994,p.12).

Mu butumwa bwinshi yagiye avuga ku Rwanda, nafata ubwo yatangaje kuri 15 Gicurasi 1994. Ni umutima we wose yari yerekeje ku Rwanda rwari muri mu "marembera"(agonie), nk'uko abivuga. Yagize ati: **"Ndumva inshingano yanjye uyu munsi ari ukwibutsa amarorerwa abera mu Rwanda, hari inzirakarengane zirimo kwicwa. Ni jenoside irimo kuhakorerwa, nkababazwa n'uko n'abakristu gatolika babifitemo uruhare. Umunsi k'uwundi ndi hafi ya kiriya gihugu kiri mu "mu marembera"(agonie). Ndashaka kwibutsa umutimanama wabategura biriya bakabishyira mu bikorwa ko bazabibazwa imbere y'amateka n'imbere y'Imana. Hamaze kumeneka amaraso menshi. Biriya bintu nibihagarare! Imana iteze ku banyarwanda ko bafashijwe n'ibihugu by'inshuti, bagira ubutwari bwo kubabarira, bakubaka ubuvandimwe bwabo"** (O.R. n° 20,3215- 17Mai 1994, p. 1).

Nyuma y'imyaka ibiri twibuka jenoside yakorewe abatutsi, Papa Yohani Pawulo wa II, yoherereje abanyarwanda ubutumwa abicishije ku nama y'Abepiskopi Gatolika. Yumvaga neza uburemere bw'ibikomere bya jenoside, akibuka akaga k' intamabara, ubuhungiro n'indwara z'ibyorezo byaranze u Rwanda, asaba ukwiyubaka no kubaka umuryango

nyarwanda, yifuza inzira y'ubwiyunge bunyuze mu nzira yo gusaba imbabazi no kuzitanga, ariko bigakorwa mu mucyo wo kugendera ku kuri kubyabaye no guca mu nzira z'ubutabera. Agasaba abagize uruhare na none mu byabaye kwemera ibyo bakoze, kubisabira imbabazi no kwakira ingaruka zabyo, nyamara byose bigamije impuhwe n'ubwiyunge. Aravuga ati: **"Imibereho mishya irashoboka hagaragajwe ukuri, hagakorwa ubutabera, gusaba imbabazi no kuzitanga bikaba umusingi w'amahoro arambye mu gihugu cyanyu"**(Lettre au Président de la C.EP.R. du 20 Mars 1996).

Papa Yohani Paulo wa II ari mu bantu basabiye u Rwanda ngo rugire amahoro ku buryo bwihariye kandi buhoraho. Mu gitabo cya Olivier le Gendre cyitwa "Confession d'un Cardinal,éd.JC Lattès,Paris,2010" avuga uko Papa Yohani Pawulo wa II yohereje umuntu mu Rwanda mu mpera z'ukwezi kwa Kamena no mu ntangiriro z'ukwa Nyakanga 1994, asubiyeyo amubwiye akaga ka jenoside yakorewe abatutsi, ububabare bw'impunzi ziri muri Congo, n'indwara z'ibyorezo zica benshi mu nkambi, yamusabye kujya aza buri mugoroba bagasabira u Rwanda (Reba urup. 186 n'izikurikiyeho). Papa Yohani Paulo wa II yatugaragarije impuhwe z'Imana ku bantu igihe twari tuzikeneye kurushaho, atuba hafi, kandi aho dusohokeye mu marorerwa ya jenoside yakorewe abatutsi n'intambara,yaduhaye umurongo wa gihanuzi twagenderaho tukubaka Kiliziya yacu yakomeretse n'igihugu cyacu cyajegejwe na jenoside yakorewe abatutsi n'ingaruka zayo zageze kuri benshi.

Umusozo:

Umuhire Papa Yohani Pawulo wa II ni umutagatifu ntangarugero twamenye, uturi hafi muri ibi bihe tugezemo. Ubu ashobora kutubera koko Intumwa nyayo y'impuhwe z'Imana kuko yatugaragarije uko zikora. Ni Umubyeyi wa Kiliziya, inshuti y'u Rwanda n'iy'isi igihe cyose. Niba yaradusabiye ubwo yari hano ku isi, ubu ndumva yarushaho ubwo ari hafi y'uwo yadusabiragaho, ariwe Yezu Nyirimpuhwe zahebuje. Natwe rero tumwiyambaze mu byo dukora cyane tumusaba gusabira ubutitsa Kiliziya n' igihugu cyacu ngo kibone amahoro n'umutekano gikeneye, cyubake ejo hacyo heza hashingiye ku iterambere n'ubukristu bunoze. Nyagasani Yezu abane namwe.

Kigali ku ya 26 Mata 2011

+Simaragidi MBONYINTEGE

Umushumba wa Kabgayi n'Umuyobozi

w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.